

Bibiliya y'abana
irerekana



Intumwa
yoherejwe
n'Imana



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.,
Alastair Paterson

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2020 Bible for Children, Inc.

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.



Muri Sinagogi y'Imana
umusaza w'umutambyi
witwa Zakariya, yosaga
imibavu.



Hanze abantu
barasengaga. Bidatinze
Zakariya agira ubwoba.



"Umumarayika araza." Aramubwira
ati, witinya. Umufasha wawe
azabyara umwana
w'umuhungu.



Uzamwita Yohani. Azaba yuzuye
Umwuka Wera. Abantu benshi
azabahindurira ku
Mana.



Tubwire Zakariya. Abantu hanze
bashobewe. Ntibari bazi
ko umumarayika
Gaburiyeli yabwiye
Zakariya ko
atazigera

avuga ...



... kugeza ubwo umwana
we avutse kubera ko
atizeraga amagambo
y'Imana.



Yari azi ko umugore
we ashaje kuburyo
atahoboraga
kubyara.



Ageze iwe, Zakariya yandika
ibyho yabwiwe na Marayika.
Elizabethi biramutungura.



Bahoraga basengera
ku byara umwana.
Birashoboka ubu?





Bidatinze Elizabeti
arabyara, nuko
ashimira Imana.

Umunsi umwe
mubyara we
witwa Mariya
aramusura.

Mariya nawe yari
ategereje umwana.



Mariya ageze yo, Elizabeti
yumva umwana atwite
asimbuka mu nda.





Elizabethi yari yuzuye
Umwuka Wera. Yari azi
ko umwana Mariya atwite
azaba umukiza
ari we Yesu
Kristo. Bombi
bahimbaza
Imana
bishimye.



Umwana wa Elizabeti aravuka nk'uko
Imana yasezeranye.
"Mwite Zakariya nka
se" uko niko abandi
batambyi bavuze.



Zakariya yibuka icyo Imana
yamutegetse. "Oya!
izina ry'umwana
ni Yohana."



Zakariya amaze kwandika
ayo magambo yongera
kuvuga. Hanyuma
ashimira Imana.




Igihe Yohana
yakuraga yari
ameze nka Eliya,
umugabo ukomeye
w'Imana.



Yohana yabwiraga
abantu ibya Mesiya
wagombaga kuza
akabaha umugisha.



Abakuru b'abayuda bangaga Yohana
kuko yababwiraga
ngo, "Mwihane!
murekeraho gukora
ibyaha." Ntibashakaga
kumva ibyaha byabo.



Abandi bitaga Yohana umubatiza
kuko yibizaga abantu
hasi mu mazi
nk'ikimenyetso
cy'uko
bababajwe
n'ibyaha
byabo.



Umunsi umwe, Yesu asanga
Yohana ngo amubatize.

"Ni wowe ukwiye
kumbatiza,"
bivuzwe na
Yohana.



Ariko Yesu agira ati: "Reka abe ari ko biba." Yohana aramubatiza.



Nyuma
y'umubatizo
wa Yesu,
Yohana abona
Umwuka
Wera
umanukiye
kuri Yesu
mu ishusho
y'inuma.



Icyo cyari
ikimenyetso
cy'Imana.
Yohana amenya
ko Yesu ari
umwana
w'Imana.



Yohana yita
Yesu Umwana
w'Intama
w'Imana
ukuraho
ibyaha
by'abari
mu isi.



Yohana ayobora abantu benshi ku Mana.
Ariko Herodi, umwami



w'umugome,
ajugunya Yohana
muri gereza. "Ni
icyaha kuri wowe
gucyura Herodiya,
umugore
w'umuvandimwe
wawe, ukamugira

uwawe," Yohana abibwira Herodi.



Herodi amenya ko uko ari ukuri.
Amenya ko Yohana ari umukozi



w'Imana kandi
ko ari
umunyakuri
utunganye.
Ariko ntiyemeye
kureka gukora
ibyaha.




Hanyuma Yohana nawe
ntiyarekeraho kwigisha arwanya

ibyaha, nubwo
byashoboraga
kumuviramo
gufungwa.




Ku isabukuru ye y'amavuko
Herodi akoresha umunsi
mukuru ukomeye. Umukobwa
wa Herodiya aramubyinira.
Binezaza Herodi.




"Nsaba icyo ushaka
cyose uragihabwa." niko
yamusezeranyije. "N'iyoyaba
kimwe cya kabiri
cy'ubwami
bwanjye."





"Ni iki
nasaba?"
umukobwa
aribaza.





Nuko nyina
wuzuye
ubugome
Herodiya,
wangaga
Yohana,
amubwira
icyo asaba!
byari biteye
ubwoba!



"Mpa umutwe wa
Yohana ku Isahani."
Umukobwa abwira
Herodi. Yababajwe
n'isezerano aliko
ashimishwa no
kubivuga.



Muce umutwe wa
Yohana muwuzane
hano. Herodi
aratega.
abasirikare be
baramwumvira.



Inshuti za Yohana zatwaye
umurambo we zijya
kuwuhamba umukozi
ukomeye kandi
wizera Imana.
Yohana akazi
ke ko gukorera
Imana kari
karangiye.



Wenda bari bazi
ko Yesu yari
kubakomeza
mu mibabaro
yabo.



Intumwa yoherejwe n'Imana

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Mariko 6; luka 1, 3

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana
umucyo." Zaburi 119:130



Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16

